ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 115/03 RYO KU WA 02/11/2020 RYEREKEYE KOMITE MPUZABIKORWA Y'IGIHUGU ISHINZWE GUSHAKISHA NO GUTABARA MU BY'INDEGE	PRIME MINISTER'S ORDER N° 115/03 OF 02/11/2020 RELATING TO THE NATIONAL AERONAUTICAL SEARCH AND RESCUE COORDINATION COMMITTEE	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 115/03 DU 02/11/2020 RELATIF AU COMITÉ NATIONAL DE COORDINATION DE RECHERCHE ET DE SAUVETAGE AÉRONAUTIQUE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Ingingo ya 2: Abagize Komite	**Article 2: Members of the Committee**	**Article 2: Membres du Comité**
Ingingo ya 3: Inshingano za Komite	**Article 3: Responsibilities of the Committee**	**Article 3: Attributions du Comité**
Ingigo ya 4: Inama za Komite	**Article 4: Meetings of the Committee**	**Article 4: Réunions du Comité**
Ingingo ya 5: Ifatwa ry'ibyemezo	**Article 5: Decision making**	**Article 5: Prise de décisions**
Ingingo ya 6: Inyandikomvugo y'inama ya Komite	**Article 6: Minutes of the Committee meeting**	**Article 6: Procès-verbal de la réunion du Comité**
Ingingo ya 7: Urwego rufasha Komite	**Article 7: Supporting organ of the Committee**	**Article 7: Organe assistant le Comité**
Ingingo ya 8: Amakuru yo kwitegura	**Article 8: Preparatory information**	**Article 8: Informations préparatoires**
Ingingo ya 9: Ibikubiye muri gahunda y'ibikorwa byo gushakisha no gutabara	**Article 9: Content of search and rescue operations plan**	**Article 9: Contenu du plan des opérations de recherche et de sauvetage**

Ingingo ya 10: Amahugurwa n'imyitozo mu bijyanye no gushakisha no gutabara	**Article 10: Training and exercises in search and rescue matters**	**Article 10: Formation et exercices en matière de recherche et de sauvetage**
Ingingo ya 11: Ibisigazwa by'indege	**Article 11: Aircraft wreckage**	**Article 11: Épaves d'avion**
Ingingo ya 12: Gutanga amakuru	**Article 12: Dissemination of information**	**Article 12: Diffusion des informations**
Ingingo ya 13: Ushinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 13: Authority responsible for the implementation of this Order**	**Article 13: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté**
Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 14: Repealing provision**	**Article 14: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 15: Igihe iri iteka ritangirira gukurikizwa	**Article 15: Commencement**	**Article 15: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 115/03 RYO KU WA 02/11/2020 RYEREKEYE KOMITE MPUZABIKORWA Y'IGIHUGU ISHINZWE GUSHAKISHA NO GUTABARA MU BY'INDEGE	PRIME MINISTER'S ORDER N° 115/03 OF 02/11/2020 RELATING TO THE NATIONAL AERONAUTICAL SEARCH AND RESCUE COORDINATION COMMITTEE	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 115/03 DU 02/11/2020 RELATIF AU COMITÉ NATIONAL DE COORDINATION DE RECHERCHE ET DE SAUVETAGE AÉRONAUTIQUE
Minisitiri w'Intebe;	**The Prime Minister;**	**Le Premier Ministre;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2013 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 120, 122 et 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 120, 122 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 20/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 83;	Pursuant to Law n° 20/2018 of 29/04/2018 establishing regulations governing civil aviation, especially in Article 83;	Vu la Loi n° 20/2018 du 29/04/2018 portant réglementation de l'aviation civile, spécialement en son article 83;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 92/03 ryo ku wa 20/07/2017 rigena inshingano za Komite Mpuzabikorwa y'Igihugu ishinzwe gushakisha no gutabara, abayigize n'imikorere yayo;	Having reviewed Prime Minister's Order n° 92/03 of 20/07/2017 determining the responsibilities of the National Search and Rescue Coordination Committee, its members and functioning;	Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 92/03 du 20/07/2017 déterminant les attributions du Comité National de Coordination de Recherche et de Secours, ses membres et son fonctionnement;
Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;	On proposal by the Minister of Infrastructure;	Sur proposition du Ministre des Infrastructures;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 16/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 16/06/2020;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 16/06/2020;

ATEGETSE:	ORDERS:	ARRÊTE:
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena inshingano, imiterere, n'imikorere bya Komite Mpuzabikorwa y'Igihugu ishinzwe Gushakisha no Gutabara mu by'Indege yitwa "Komite", muri iri teka.	This Order determines responsibilities, organisation and functioning of the National Aeronautical Search and Rescue Coordination Committee, herein referred to as "Committee".	Le présent arrêté détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité National de Coordination de Recherche et de Sauvetage Aéronautique, ci-après dénommé "Comité".
Ingingo ya 2: Abagize Komite	**Article 2: Members of the Committee**	**Article 2: Membres du Comité**
Komite igizwe n'abantu bakurikira:	The Committee is comprised of the following persons:	Le Comité est composé des personnes suivantes:
1° Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu kirere mu nshingano, ari na we Perezida wa Komite;	1° Minister in charge of air transport, who is the Chairperson of the Committee;	1° le Ministre ayant le transport aérien dans ses attributions qui est le Président du Comité;
2° Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano, ari na we Visi Perezida wa Komite;	2° Minister in charge of health, who is the Vice-Chairperson of the Committee;	2° le Ministre ayant la santé dans ses attributions qui est le Vice-Président du Comité;
3° Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano;	3° Minister in charge of Rwanda Defense Force;	3° le Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions;
4° Minisitiri ufite imicungire y'ibikorwa by'ubutabazi mu nshingano;	4° Minister in charge of emergency management;	4° le Ministre ayant la gestion de secours dans ses attributions;

5° Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda;	5° Head of Rwanda National Police;	5° le Chef de la Police Nationale du Rwanda;
6° Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisivili mu nshingano;	6° Head of National Authority in charge of Civil Aviation;	6° le Chef de l'Office National ayant l'Aviation Civile dans ses attributions;
7° Umuyobozi Mukuru w'ikigo gishinzwe gutanga serivisi zifasha indege mu kirere, ari na we mwanditsi wa Komite;	7° Head of the entity in charge of provision of air traffic services, who is the rapporteur of the Committee;	7° le Chef de l'entité ayant la prestation de services de trafic aérien au Rwanda qui est le Rapporteur du Comité;
8° Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rufite abinjira n'abasohoka mu nshingano.	8° Head of National Authority in charge of Immigration and Emigration.	8° le Chef de l'Office National ayant l'Immigration et l'Émigration dans ses attributions.
Ingingo ya 3: Inshingano za Komite	**Article 3: Responsibilities of the Committee**	**Article 3: Attributions du Comité**
Inshingano za Komite ni izi zikurikira:	Responsibilities of the Committee are the following:	Les attributions du Comité sont les suivantes:
1° kuba urubuga ruhoraho rwo ku rwego rw'Igihugu rushobora gutegura no gutanga ibyifuzo-nama kuri Guverinoma, ku birebana na politiki y'Igihugu y'ingamba zo gushakisha no gutabara;	1° to be a standing national forum that can develop and recommend national strategic search and rescue policy to the Government;	1° servir de forum national permanent capable d'élaborer et de recommander au Gouvernement une politique stratégique nationale de recherche et de sauvetage;
2° kuba urubuga mpuzabikorwa ruhoraho rw'ibibazo byo mu rwego rw'imicungire n'urw'ibikorwa mu	2° to provide a standing national forum for coordination of administrative and operational search and rescue matters;	2° servir de forum national permanent pour la coordination des questions administratives et opérationnelles

byerekeranye no gushakisha no gutabara;		relatives à la recherche et au sauvetage;
3° gukorana n'izindi nzego zo mu karere n'izo ku rwego mpuzamahanga zifite serivisi z'ubutabazi mu nshingano;	3° to collaborate with other organs in the region and international organs in charge of emergency services;	3° collaborer avec d'autres organes dans la région et organes internationaux ayant les services de secours dans leurs attributions;
4° gukurikirana gahunda y'ibikorwa byo gushakisha no gutabara no kwemeza inyobora yo gushakisha no gutabara ku rwego rw'Igihugu;	4° to oversee the search and rescue plan of operations and to approve a national search and rescue manual;	4° superviser le plan d'opérations de recherche et de sauvetage et approuver un manuel national de recherche et de sauvetage;
5° guteza imbere ikoreshwa neza ry'ibikoresho byagenewe gushakisha no gutabara;	5° to promote effective use of facilities for search and rescue;	5° promouvoir l'utilisation efficace des moyens de recherche et de sauvetage;
6° kuba urubuga rw'ubufatanye mu guhanahana amakuru yerekeranye no gushakisha no gutabara;	6° to serve as a cooperative forum to exchange information relating to search and rescue;	6° servir de forum de coopération pour échanger les informations relatives à la recherche et au sauvetage;
7° guteza imbere imikoranire ya hafi no guhuza inzego za gisivili n'iza gisirikare kugira ngo hatangwe serivisi zo gushakisha no gutabara zinoze;	7° to promote close cooperation and coordinate civilian and military authorities for the provision of effective search and rescue services;	7° promouvoir une coopération étroite et assurer la coordination des autorités civiles et militaires pour la prestation des services de recherche et de sauvetage efficaces;
8° kugena ubundi buryo bushobora guteza imbere ibikorwa byo gushakisha no gutabara mu Rwanda no kuboneza uburyo n'ibikoresho	8° to determine other ways to enhance the overall effectiveness of search and rescue services within Rwanda and to standardise search and	8° déterminer d'autres moyens pour améliorer l'efficacité globale des services de recherche et de sauvetage au Rwanda et de standardiser les procédures et

byifashishwa mu gushakisha no gutabara, aho bishoboka;	rescue procedures and equipment, where applicable;	équipements de recherche et de sauvetage, le cas échéant;
9° gushyiraho, guhuza ibikorwa, gucunga, kuvugurura no gusuzuma ingamba, politiki, uburyo, ibipimo ngenderwaho n'ibikenewe mu mahugurwa hagamijwe ubufatanye no guhuza ibikorwa byo gushakisha no gutabara;	9° to develop, coordinate, administer, review and evaluate plans, policies, procedures, standards and training needs for search and rescue cooperation and coordination;	9° élaborer, coordonner, administrer, réviser et évaluer les plans, les politiques, les procédures, les normes et les besoins en formation pour la coopération et la coordination en matière de recherche et de sauvetage;
10° kuyobora no guhuza ibikorwa by'ubutabazi bijyanye n'iby'indege mu Rwanda;	10° to direct and coordinate air rescue services in Rwanda;	10° diriger et coordonner les services de sauvetage aérien au Rwanda;
11° gushyiraho ubufatanye n'izindi nzego za Leta no kugirana amasezerano na Leta, ibigo byigenga cyangwa abantu ku giti cyabo hagamijwe gutanga serivisi z'ubutabazi.	11° to establish partnership with other Government organs and enter into agreements with Government, private agencies or persons for provision of rescue services.	11° entrer en partenariat avec d'autres organes de l'État et conclure les accords avec l'État, les agences privées ou les individus pour la prestation des services de sauvetage.
<u>Ingigo ya 4</u>: Inama za Komite	**<u>Article 4</u>: Meetings of the Committee**	**<u>Article 4</u>: Réunions du Comité**
Inama ya Komite iterana nibura rimwe (1) mu mwaka cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na bane (4) mu bagize Komite.	The meeting of the Committee is held at least once (1) per year and whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or in his or her absence, by the Vice-Chairperson, at own initiative, or upon a written request by at least four (4) of Committee members.	Le Comité se réunit au moins une (1) fois par an et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins quatre (4) de ses membres.

Ubutumire bwanditse bushyikirizwa abagize Komite hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.	A written invitation is submitted to members of the Committee at least fifteen (15) days before the meeting is held.	L'invitation écrite est adressée aux membres du Comité au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.
Icyakora, inama idasanzwe ishobora gutumizwa igihe cyose bibaye ngombwa hatitawe ku gihe kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, itumijwe na Perezida cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari.	However, irrespective of the time specified in Paragraph 2 of this Article, an extraordinary meeting may be convened whenever necessary by the Chairperson or, in case of his or her absence, by the Vice-Chairperson.	Toutefois, en dépit du délai indiqué dans l'alinéa 2 du présent article, une réunion extraordinaire peut être convoquée, chaque fois que de besoin, par le Président ou, en son absence, par le Vice-Président.
Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.	The quorum for the meeting of the Committee is two-thirds (2/3) of its members.	Le quorum pour la tenue d'une réunion du Comité est de deux tiers (2/3) de ses membres.
Komite igena uburyo inama zayo ziterana.	The Committee determines the procedure for holding its meetings.	Le Comité détermine la procédure pour la tenue de ses réunions.
Ingingo ya 5: Ifatwa ry'ibyemezo	**Article 5: Decision making**	**Article 5: Prise de décisions**
Ibyemezo bya Komite bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize.	Decisions of the Committee are taken by consensus.	Les décisions du Comité sont prises par consensus.
Iyo ubwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Komite bitabiriye inama.	In case of failure to obtain the consensus, the decisions are taken on the absolute majority of members present at the meeting of present members.	À défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents à la réunion.
Iyo amajwi angana, ijwi ry'uyoboye inama riraganza.	In case of tie, the chairperson of the meeting has a casting vote.	En cas d'égalité de vote, le vote du président de la réuninon est prépondérant.

Ingingo ya 6: Inyandikomvugo y'inama ya Komite	**Article 6: Minutes of the Committee meeting**	**Article 6: Procès-verbal de la réunion du Comité**
Inyandikomvugo y'inama ya Komite ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira.	Minutes of the Committee meeting are jointly signed by the Chairperson and the rapporteur and approved at the next meeting.	Le procès-verbal d'une réunion du Comité est conjointement signé par le Président et le rapporteur et soumis à la réunion suivante pour approbation.
Ingingo ya 7: Urwego rufasha Komite	**Article 7: Supporting organ of the Committee**	**Article 7: Organe assistant le Comité**
Mu mikorere yayo, Komite ifashwa n'Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi.	In its functioning, the Committee is supported by the Rescue Coordination Centre.	Dans son fonctionnement, le Comité est assisté par le Centre de Coordination de Sauvetage.
Ingingo ya 8: Amakuru yo kwitegura	**Article 8: Preparatory information**	**Article 8: Informations préparatoires**
Komite ihabwa n'Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi amakuru agezweho ajyanye n'ibi bikurikira birebana n'igice cyo gushakisha no gutabara:	The Committee is provided by Rescue Coordination Centre with updated information concerning the following in respect to search and rescue region:	Le Comité reçoit du Centre de Coordination de Sauvetage les informations les plus récentes sur les points repris ci-après en rapport avec la région de recherche et de sauvetage:
1° serivisi ziyobora indege mu kirere;	1° air traffic services units;	1° Les unités de services de la circulation aérienne;
2° uburyo bw'itumanaho bushobora gukoreshwa mu bikorwa byo gushakisha no gutabara;	2° means of communication that may be used in search and rescue operations;	2° les moyens de communication qui peuvent être utilisés dans les opérations de recherche et de sauvetage;

3° aderesi na nomero za telefoni by'abantu ba ngombwa cyangwa ababahagarariye bagenwe, bafite uruhare mu bikorwa byo gushakisha no gutabara;	3° addresses and telephone numbers of relevant persons or their designated representatives, engaged in search and rescue operations;	3° les adresses et les numéros de téléphone des personnes utiles ou de leurs représentants désignés, engagés dans les opérations de recherche et de sauvetage;
4° ibindi bikoresho rusange cyangwa by'abantu ku giti cyabo birimo ibyo kwa muganga cyangwa ibyo gutwara abantu n'ibintu bishobora kwifashishwa mu gushakisha no gutabara.	4° any other public or private resources including medical or transportation facilities that are likely to be useful in search and rescue.	4° toutes les autres ressources publiques ou privées, y compris les moyens médicaux ou de transport susceptibles d'être utiles dans la recherche et le sauvetage.
Ingingo ya 9: Ibikubiye muri gahunda y'ibikorwa byo gushakisha no gutabara	**Article 9: Content of search and rescue operations plan**	**Article 9: Contenu du plan des opérations de recherche et de sauvetage**
Gahunda y'ibikorwa byo gushakisha no gutabara ikubiyemo uburyo burambuye burebana n'ingamba zifatwa n'umuntu ukora ibikorwa byo gushakisha no gutabara, zirimo:	The search and rescue operations plan contains details regarding actions to be taken by a person engaged in search and rescue operations, including:	Le plan des opérations de recherche et de sauvetage contient les détails sur les mesures à prendre par une personne engagée dans les opérations de recherche et de sauvetage, y compris:
1° uburyo ibikorwa byo gushakisha no gutabara bikorwa mu gace bireba;	1° manner in which search and rescue operations are to be conducted in the concerned region;	1° la manière dont les opérations de recherche et de sauvetage sont menées dans la région concernée;
2° imikoreshereze y'ibikoresho n'uburyo bw'itumanaho bihari;	2° use of available means of communication and facilities;	2° l'utilisation des installations et des moyens de communication disponibles;
3° ibikorwa bigomba guhurirwaho n'izindi Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu zishinzwe	3° actions to be jointly taken by other national Aeronautical Search and Rescue Coordination Committees;	3° les actions à prendre conjointement avec d'autres Comités nationaux de

Gushakisha no Gutabara mu by'Indege;		Coordination de Recherche et de Sauvetage Aéronautique;
4° uburyo bwo kumenyesha indege ziri mu kirere;	4° methods for alerting en-route aircraft;	4° les méthodes d'alerter les aéronefs en vol;
5° uburyo bwo kubona amakuru ya ngombwa ku bikorwa byo gushakisha no gutabara;	5° methods for obtaining essential information relevant to search and rescue operations;	5° les méthodes d'obtenir les informations utiles aux opérations de recherche et de sauvetage;
6° uburyo bwo gufasha indege iri mu kaga;	6° methods for assisting a distressed aircraft;	6° les méthodes d'assister un aéronef en détresse;
7° ingamba z'ubufatanye zifatwa hagati ya serivisi ziyobora indege mu kirere n'izindi nzego bireba hagamijwe gufasha indege izwi cyangwa ikekwa ko ishobora guhungabanyirizwa umutekano.	7° cooperative actions to be taken in conjunction with air traffic services units and other concerned authorities to assist aircraft known or believed to be subject to unlawful interference.	7° les mesures de coopération à prendre en collaboration avec les unités de services de circulation aérienne et les autres autorités concernées pour aider un aéronef connu ou censé être l'objet d'une interférence illégale.
<u>Ingingo ya 10</u>: Amahugurwa n'imyitozo mu bijyanye no gushakisha no gutabara	**<u>Article 10</u>: Training and exercises in search and rescue matters**	**<u>Article 10</u>: Formation et exercices en matière de recherche et de sauvetage**
Kugira ngo habeho ibikorwa byo gushakisha no gutabara bikozwe ku buryo butanga umusaruro kandi buhoraho, abakozi bashinzwe gushakisha no gutabara bagomba guhabwa amahugurwa ahoraho n'imyitozo ikwiye mu bijyanye no gushakisha no gutabara.	In order to achieve and maintain maximum efficiency of search and rescue operations, search and rescue personnel must be provided with regular training and appropriate exercises in search and rescue matters.	Afin d'obtenir et de maintenir une efficacité maximale des opérations de recherche et de sauvetage, le personnel de recherche et de sauvetage doit recevoir une formation régulière et les exercices appropriés en matière de recherche et de sauvetage.

Ingingo ya 11: Ibisigazwa by'indege	**Article 11: Aircraft wreckage**	**Article 11: Épaves d'avion**
Ibisigazwa bikomoka ku ndege yagize impanuka mu Rwanda bigomba kuvanwaho, gusenywa cyangwa bigashushanywa mu buryo bw'ikarita ipereza ku mpanuka rikimara kurangira, iyo ukugumaho kwabyo gushobora guteza ibyago cyangwa urujijo ku bikorwa byo gushakisha no gutabara bizakorwa nyuma.	Wreckage resulting from an aircraft accident within Rwanda must be removed, obliterated or charted from completion of the accident investigation, if its presence might constitute a hazard or confuse subsequent search and rescue operations.	Les épaves provenant d'un accident d'avion au Rwanda doivent être enlevées, détruites ou cartographiées à la fin de l'enquête sur l'accident, lorsque leur présence peut constituer un danger ou semer la confusion dans les opérations de recherche et de sauvetage ultérieures.
Ingingo ya 12: Gutanga amakuru	**Article 12: Dissemination of information**	**Article 12: Diffusion des informations**
Amakuru yose ya ngombwa ajyanye no kwinjira mu Rwanda kw'abakozi bo gushakisha no gutabara bavuye mu bindi bihugu agomba gutangazwa kandi akamenyeshwa ibihugu by'abaturanyi.	All information necessary for the entry into Rwanda of search and rescue units of other States must be published and disseminated to the neighboring countries.	Toutes les informations nécessaires à l'entrée au Rwanda des équipes de recherche et de sauvetage appartenant à d'autres États doivent être publiés et diffusés aux pays voisins.
Mu buryo bushoboka bwose, abantu bose n'inzego zishinzwe ubutabazi bagomba kumenyeshwa amakuru ajyanye n'ingamba zigomba gufatwa mu gihe hari impamvu yo gukeka ko indege iri mu kaga ishobora guteza ibibazo ku bantu cyangwa ko isaba ubutabazi rusange bwihuse.	To the extent possible, the general public and emergency response authorities must be provided with information regarding actions to be taken when there is reason to believe that an aircraft's emergency situation may become a threat to the public or requires a general emergency response.	Dans la mesure du possible, le public et les autorités d'intervention d'urgence doivent recevoir les informations concernant les mesures à prendre lorsqu'il y a lieu de croire qu'un aéronef en situation d'urgence peut devenir une menace pour le public ou nécessite une intervention d'urgence générale.
Ingingo ya 13: Ushinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 13: Authority responsible for the implementation of this Order**	**Article 13: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté**
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo ashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.	The Minister of Infrastructure is entrusted with the implementation of this Order.	Le Ministre des Infrastructures est chargé de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 14: Repealing provision**	**Article 14: Disposition abrogatoire**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 92/03 ryo ku wa 20/07/2017 rigena inshingano za Komite mpuzabikorwa y'Igihugu ishinzwe gushakisha no gutabara, abayigize n'imikorere yayo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	Prime Minister's Order n° 92/03 of 20/07/2017 determining the responsibilities of the National Search and Rescue Coordination Committee, its members and functioning and all prior provisions contrary to this Order are repealed.	L'Arrêté du Premier Ministre n° 92/03 du 20/07/2017 déterminant les attributions du Comité National de Coordination de Recherche et de Secours, ses membres et son fonctionnement et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.
Ingingo ya 15: Igihe iri iteka ritangirira gukurikizwa	**Article 15: Commencement**	**Article 15: Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 02/11/2020 **(sé)** **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
(sé) **Amb. GATETE Claver** Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Minister of Infrastructure Ministre des Infrastructures
Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika: **Sean and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République:** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux